IJAMBO RYO GUTANGIZA AMAHUGURWA AGENEWE ABAHAGARARIYE ABANYESHURI BO MU MASHURI MAKURU N'AYISUMBUYE MU MUJYI WA KIGALI

KIGALI KU WA 01.04.2010

Banyeshuri muteraniye hano,

Nejejwe no kuba mwitabiriye amahugurwa y'uyu munsi agenewe abahagarariye abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru kugira ngo mufatanye n'Urwego rw'Umuvunyi kurwanya no guhashya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Zimwe mu nshingano Urwego rw'Umuvunyi rwahawe ni **ugukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo mu baturarwanda**. Kugira ngo rugere kuri izo nshingano, Urwego rw'Umuvunyi rwigisha Abaturarwanda mu byiciro binyuranye, kuva ku baturage mu mirenge batuyemo kugeza ku nzego za Leta, iz'abikorera ndetse n'imiryango mpuzamahanga ikorera mu gihugu, bagasobanurirwa imiterere y'akarengane na ruswa, ingaruka zabyo ndetse n'uburyo bwo kubyirinda no kubirwanya. Kimwe mu byiciro by'abanyarwanda ndetse kigizwe n'umubare munini ni urubyiruko.

Urubyiruko rujijutse rwo mu mashuri yisumbuye n'amakuru ni amizero y'u Rwanda rw'ejo hazaza ku mpamvu nyinshi :

- Urubyiruko rufite imbaraga zo gukora, rugakora rwiteza imbere kandi ruteza n'Igihugu imbere ;
- Urubyiruko rugira imigambi myinshi kandi rukiyumvamo ko ruzayigeraho uko byagenda kose ;
- Urubyiruko ni bo benshi;
- Bafite igihe kirekire cyo kubaho; ariko cyane cyane
- Ni bo batandujwe cyane n'ingengabitekerezo ya jenoside kuko bakiri bato.

Urwego rw'Umuvunyi rwiyemeje gushyira ingufu nyinshi mu guhuza urubyiruko kugira ngo rushyireho amahuriro yo gukumira no kurwanya akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.

Turabasaba guhagurukira rimwe, mugahuza ingamba n'ibitekerezo, mukagira icyerekezo muha u Rwanda rwacu ariko cyane cyane rwanyu kuko ejo hazaza ari ahanyu. Iki ni na cyo mugomba gushingiraho cyane kuko uko mwasanze igihugu kimeze mugomba kugira uruhare runini mu kugihindura. Ntimwakwishimira kuba mu gihugu kitubahiriza uburenganzira bwa buri wese bitewe n'uko kikirangwamo akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Ibyo byorezo bigira ingaruka kuri buri muturarwanda kuko bidindiza iterambere n'imibereho myiza y'abatuye igihugu. Urwego rw'Umuvunyi ruzababa hafi mu bikorwa byanyu bigamije kurwanya izo ngeso mbi zose.

Ibiganiro muri buhabwe muri iri huriro birarushaho kubumvisha imiterere n'ububi bw'akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, no kubakangurira kubyirinda. Birarushaho kubashishikariza gufasha urubyiruko rutagize amahirwe yo kwiga n'abanyarwanda bose kwirinda izo ngeso mbi zose.

Mu gusoza iri jambo nagira ngo nongere kubashimira ko mwitabiriye aya mahugurwa mwagombye kuba mwitahiye mu ngo zanyu, kandi mbatume munanshimire ibigo byanyu byemeye kubohereza kuri uyu munsi. Mukurikirane neza ibiganiro muri buhabwe kugira ngo bibagirire akamaro, kandi muze gutanga ibitekerezo bifasha Urwego rw'Umuvunyi kurushaho gusohoza neza inshingano zarwo.

Intego yacu twese ibe iyo « kubaka igihugu kitarangwamo akarengane, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo».

Murakoze !